IJAMBO RYA NYIRICYUBAHIRO MUSENYERI Alexis HABIYAMBERE,S.J.,
Ruhengeri, 24/03/2012

Nyakubahwa Ministiri w'Intebe ukaba n'Intumwa ya Perezida wa Repubulika,
Banyakubahwa Bepiskopi,
Banyakubahwa bagize Inteko Ishinga Amategeko,
Banyakubahwa bahagarariye inzego zinyuranye z'ubuyobozi bwite bwa leta n'iz'Umutekano,
Banyakubahwa bahagarariye ibihigu byabo mu Rwanda,
Banyakubahwa bahagarariye amadini n'amatorero anyuranye,
Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu, ncuti za Diyosezi ya Ruhengeri,

Mbanje kubashimira mwese, bashyitsi bahire, kuko mwakiriye neza ubutumwa bwacu mukaza kwifatanya na Diyosezi ya Ruhengeri muri ibi byishimo bidasanzwe by'itangwa ry'Ubwepiskopi. Diyosezi ya Ruhengeri ibonye Umwepiskopi wayo nyuma y'imyaka irenga ine yose. Shimirwa Mana. Shimirwa Mubyeyi Mwamikazi w'I Fatima. Guhera uyu munsi, Diyosezi ya Ruhengeri iretse kuyoborwa n'Administrateur Apostolique (Umuyobozi uhagarariye Papa), igiye kuyoborwa n'Umwepiskopi wa Ruhengeri, Nyiricyubahiro Musenyeri Visenti HAROLIMANA. Mwese mwabaye abahamya babyo mu mihango y'itangwa ry'Ubwepiskopi.

Ndashimira Nyakubahwa Perezida wa Repubulika wifuje kuza kwifatanya natwe, abonye atabishoboye agatuma Nyakubahwa Ministiri w'Intebe.

Nyakubahwa Ministiri w'Intebe, nimunkundire mwigire imbere maze iyi mbaga ibereke ukuntu yishimiye ko mwaje kwifatanya nayo, mwebwe n'ababaherekeje. Muzashyikirize Nyakubahwa Perezida wa Repubulika indamutso y'Abakristu ba Diyosezi ya Ruhengeri bishimiye kubona Umwepiskopi mushya bwite wabo. Muzamubwire kandi ko bamwifuriza umugisha w'Imana, ko bamusabira kugira ngo ashobore kuyobora Abanyarwanda mu nzira y'amahoro, ubumwe n'iterambere rirambye, bityo umuryango nyarwanda uhashye ubukene n'inzitizi zose zibangamira imibereho myiza yabo. Mu byo akora byose, ajye yiragiza Imana kuko ari Yo nkuru.

Basaserdoti, Bihayimana, Bakristu ba Diyosezi ya Ruhengeri,

Tumaranye imyaka ibiri yose dushakira hamwe icyabafasha gukomeza gushora imizi muri Kristu, duharanira icyabahesha ishema, turwanya icyabaca intege cyose. Kwigiramo icyizere ni ikintu gikomeye kandi cya ngombwa. Ndabashimira mbikuye ku mutima ukuntu mwanyakiriye n'ukuntu mwambaniye muri iyi myaka tumaranye. Ndabashimira ukuntu mwabaye intwari muri iyi myaka mu maze mudafite Umwepiskopi wanyu bwite kuva igihe Musenyeri Kizito Bahujimihigo yimuriwe muri Diyosezi ya Kibungo : mwabyitwayemo neza mudacogora mu kwemera kwanyu, mu rukundo mufitiye Kiliziya na Diyosezi yanyu. Mwafatanye urunana mwirinda guha icyuho Sekibi iba irekereje, ishaka aho yamenera. Ndabashimira ubwitange n'ubufatanye mwerekanye kugira ngo Diyosezi ya Ruhengeri yiyubake, yubahwe kandi itere imbere.

Nimubishimirwe kandi muzakomeze kurwanira ishyaka Paruwasi zanyu na Diyosezi yanyu, mwishakamo ubushobozi. Cyane cyane ***muzakomeze kurangwa n'ubumwe hagati yanyu, ubumwe hagati yanyu n'abapadiri banyu, ubumwe hagati y'abapadiri ubwabo n'ubumwe hagati y'abapadiri n'Umwepiskopi mushya.*** Akanyamakuru ka Diyosezi yanyu ntikitwa ***"Ubumwe bwacu"?*** Ihuriro ry'abapadiri ba Diyosezi ya Ruhengeri ntiryitwa ***"FRATRES IN UNUM"*** (abavandimwe bunze ubumwe)? Ibi byose byerekana ko hari ishyaka ry'ubumwe. Ubumwe bufasha gusangira akabisi n'agahiye mu bwizerane, no kwizirika umukanda iyo bibaye ngombwa. Aha ndashaka gushima no gushimira abakristu uburyo bita ku bapadiri babo no kuri za Paruwasi zabo mu duke bafite. Ni umuco ukwiye gushyigikirwa muri ibi bihe tugezemo byo kwiyubakira Kiliziya yacu (autoprise en charge)

Bakristu ba Diyosezi ya Ruhengeri,

Igihe nje mbasanga nsura Paruwasi zanyu zose, nakundaga kubabwira ko nje nka Yohani Batista, nje guteguriza ugomba kuza. Sinari muzi ni ubwo twabanaga bwose. Yohani Batista yari umuntu uvugisha ukuri mu nyigisho ze; nta burarya kandi adatinya agamije kwereka abamusangaga umurongo mwiza unogeye Imana. Guteguriza undi, utazi igihe azazira, ntabwo byoroshye, wumva ugomba kwihuta;

muri uko kwihuta ntihabura uwo uhutaza cyane cyane iyo azarira cyangwa atumva ko agomba guhindura imikorere n'imyumvire. Mumenye ko muri byose ari ineza yanyu nashakaga, ari ineza ya Diyosezi ya Ruhengeri naharaniraga.

Uwo nategurizaga inzira, yaje. Musenyeri Visenti unkundire uhaguruke maze nkwereke abasaserdoti, abihayimana n'abakristu ba Diyosezi ya Ruhengeri ubereye Umushumba guhera uyu munsi. Nibakwakirane amashyi, n' impundu n'ingoma zivuge. Abo ureba imbere yawe bahagarariye abandi benshi bakabakaba ibihumbi magana atanu (500.000).

Diyosezi ushinzwe igizwe na Paruwasi 11. Ni nkeya urebye umubare w'abakristu. Paruwasi zimwe ni nini cyane kandi zifite abakristu benshi. Navuga Paruwasi ya Rwaza, Paruwasi ya Janja, Paruwasi ya Nemba, Paruwasi ya Kinoni na Paruwasi ya Busogo. Sinibagiwe Paruwasi y'umujyi ugenda wiyongera mu umubare w'abaturage.

Nyakubahwa Musenyeri, nk'uko mubizi, Diyosezi ya Ruhengeri yashinzwe na Papa ku itariki ya 20 Ukuboza 1960. hashize imyaka irenga mirongo itanu. Yari itegereje Umwepiskopi wayo bwite kugira ngo yinjire muri Yubile y'imyaka 50. Nimumara kuzenguruka no kumenya neza Diyosezi muzategure iyo yubile y'ingirakamaro. Abakristu n'abapadiri barayitegereje. Iyo yubile muzayivanamo imyanzuro Diyosezi yanyu izagenderaho mu myaka iri imbere.

Ndangije mbifuriza, Nyakubahwa Musenyeri Visenti, ubutumwa bwiza buzira amakemwa. Jya utega amatwi ijwi ry'Umushumba mukuru rikubwira riti:" ***Ragira abana b'intama zanye...Ragira intama zanjye.***"

Mbaga y'Imana yaje guhimbaza uyu munsi w'itangwa ry'Ubwepiskopi: mbifurije umugisha w'Imana. Nimugire amahoro. Murakoze

+ Alexis HABIYAMBERE, S.J,
Umwepiskopi wa Nyundo, akaba yari n'Umuyobozi wa Diyosezi ya Ruhengeri.